UMWIHERERO W'ABAPADIRI N'ABIHAYIMANA MURI DIYOSEZI YA NYUNDO MURI UYU MWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE

IMIHIGO Y'ABAVANDIMWE :

R/ Bakristu ngiy'intego dufatane urunana twarabyiyemeje
Intego yacu nimwe guca hirya n'ugutana.
Ubukristu,ubukristu,ubukristu butubyarire
Ubuvandimwe,ubuvandimwe nyabwo.
1. Ibi kandi bifite imvano
Turi abana b'Imana Data
Muri Kristu turi abavandimwe
Kubica hirya ni ugutana, n'ugutana
2. Kristu ati ndi umuzabibu mukaba amashami
Pawulo nawe ati: Kristu ni umutwe
Tukaba ingingo z'umubiri we
Ariwo Kiliziya, rwa rukuta yararusenye
Nta mugereki, nta muyahudi twese
Turi abavandimwe. Kubica hirya ni
Ugutana, n'ugutana
3. Dawe dusabye imbabazi igihe
Tubuze ubuvandimwe, twarahabye,
Twariyanze, twarihekuye,
Ntibizasubire na rimwe n'ishyano ribi,
Twaratannye by'ihabu, dusabye
Imbabazi, dusabye imbabazi.
4. Ahubwo ngiy'imihigo idakuka,
Turi abakristu,turi abavandimwe,
Muvandimwe ndagukunda,
Nzakubaha nzagutabara
Nzagufasha, iwacu mu
Muryango-remezo niho bisangwa.

Ubwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yafunguraga ku mugaragaro umwiherero w'Abapadiri n'Abihayimana ; mbere yo kubanza kuririmbira hamwe indirimbo y'Imihigo y'Abavandimwe ya Diyosezi ya Nyundo yateruye agira ati : «Muri uyu mwaka Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bageneye guharanira ubwiyunge, twasanze ari ngombwa ko Abapadiri n'Abihayimana bo muri Diyosezi ya Nyundo bagira umwanya wihariye wo kuzirikana ku bwiyunge kuko nk'uko urwandiko rw'Abepiskopi rubivuga, Abapadiri n'Abihayimana bakwiye kubibamo intangarugero kandi bakanabishishikariza abandi.

Ni muri urwo rwego Diyosezi ya Nyundo yateguye umwiherero w'iminsi ibiri ku matariki ya 5 n'iya 6 kamena 2018. Uwo mwiherero ukabera hano muri Centre Pastoral Saint Jean Paul II ku Nyundo,ugahuza abapadiri n'abihayimana bagera ku 173. Ndabashimira mwese Abasaseridoti n'Abihayimana ko mwawitabiriye. Muri uyu mwiherero hazatangwa ibiganiro bizadufasha kuzirikana k'ubumwe n'ubwiyunge dukeneye muri Kiliziya no mu gihugu cyacu. Ngiye kandi kubagezaho ibiganiro bizatangwa, mbonereho no kubereka abazabiduha. Ibiganiro bizatangwa ni ibi bikurikira:

1. Isano yacu n'Imana n'ubuvandimwe dufitanye muri Kristu ishingiro ry'umubano mwiza mu Banyarwanda (**Monsieur François Ngarambe de la Communauté de l'Emmanuel)**
2. Uruhare rw'iyobokamana mu kubaka ubunyarwanda bubereye u Rwanda twifuza: **(Prof. Dr. Abbé Nyombayire Faustin)**

3. Abashinzwe iyobokamana mu kwimakaza ubumwe, ubwiyunge n'amahoro mu Banyarwaranda: (**Abbé Masinzo Jerome/ Umurinzi w'igihango**)
4. Komorana ibikomere mu kubaka amahoro arambye no gusigasira igihango (**Abbé Emmanuel Nsengiyumva, Curé de la Paroisse Nyamata et Soeur Géneviève**); bazaduha n'umwanya wo gutega amatwi Ubuhamya bugaragara mu nzira y'ubwiyunge.
5. Ubufatanye bwa Leta na Kiliziya mu kubaka ubumwe n' ubwiyunge mu banyarwanda (**Monsieur Alphonse MUNYENTWALI / Gouverneur de la Province de l'Ouest**)
6. Umuryango, igicumbi cy'Ubumwe n'Ubwiyunge (**Mgr Servilien Nzakamwita, Evêque de Byumba akaba n'Umurinzi w'Igihango).**

Nk'uko kandi imwe mu ntego y'ibi biganiro ari uguha ababyitabiriye urubuga rwo kuzirikana kubwiyunge kandi ibiganiro bya rusange bikaba bidatanga uwo mwanya mu buryo buhagije; tuzifashisha na none ibiganiro mu matsinda mato nk'uburyo buzadufasha gutanga umusanzu wacu w'ibitekerezo.

Ibiganiro mu matsinda bizibanda ku ngingo zikurikira:

1. Ingaruka z'ibikomere by'amateka mu muryango nyarwanda;
2. Uburyo bwo komora ibikomere no guhangana n'ingaruka zabyo;
3. Uruhare rwa Kiliziya mu nzira yo kubaka ubunyarwanda, Ubumwe n'ubwiyunge;
4. Imikorere n'imikoranire ya Kiliziya n'inzego za Leta mu gufasha Abanyarwanda gukira ibikomere, no kugera kubwiyunge dukeneye mu banyarwanda;
5. Uruhare rwa Kiliziya muri gahunda yo gusaba imbabazi no kuzitanga no gusubiza mu buzima busanzwe abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi;

6. Icyakorwa ngo umuryango ukomeze ube igicumbi cy’ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda.»

Aba ni Abapadiri n’Abihayimana mu nzu mberabyombyi bahabwa ibiganiro. Nyuma y’ibiganiro rusange, hakurikiyeho ibiganiro mu matsinda.

Ubwo yasozaga umwiherero Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, n'ubwo yashimiraga buri wese igihe yabaga amaze gutanga ikiganiro cye, yagize nubwo abashimira muri rusange ku musanzu baduhaye. Yashimiye kandi by'umwihariko na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ; Abayobozi bayo : Mgr John RUCYAHANA, Bwana Fidèle NDAYISABA. Ashimira n'Umuyobozi w'Intara y'Iburengerazuba MUNYETWALI Aphonse. Ati «natwe tubijeje ubufatanye kandi ntituzahwema gutanga umuganda wacu nka Kiliziya wo kubaka abanyarwanda. Dufatanye twese ntihagire n'umwe wazimira kuko twese nibwo butumwa dufite. Burya kandi ntamuntu udahinduka ; ariko kandi guhinduka ni urugendo. Dufatanye twese hamwe uru Rwanda turugeze aho Imana yarugeneye kujya.»

Yashoje Ijambo rye yongera gusaba abari aho guhaguruka tukongera tukaririmbira hamwe indirimbo y'Imihigo y'Abavandimwe ya Diyosezi ya Nyundo.

Padiri Jean Marie KWIZERA